~~...~~ - Kihwadé J.

RUKUNDO Damien Emmanuel
B.P. 105 KIGALI

Kigali, le 1/9/1978

A traiter par
Date entrée : 6-9-78
N° Classement : 11041/78

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ingabo z'Igihugu
K I G A L I.-

Impamvu :
Kwishyuza Parcelle 2,086855 ha Thé n'amafranga yavuye muli Production de Thé Vert 233.488 FRw.

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkulikije jujement R.C. n°4672/75 yo kuwa 22 Kamena 1976 rwaciliwe muli Première Instance de Nyamirambo Kigali cyane cyane ku rupapuro rwa gatatu ku gika 3, 6, 7, 8, nishimiye kongera kubandikira, nishyuza Parcelle y'Icyayi ifite 2,086855 ha zalimbuwe na Service Civique de la Jeunesse Byumba Mulindi n'amafranga 233.488 FRw, yasa ruwe mu cyayi ighè x capitaine Rurakaza Aloys yali yaragihaye S.C.J. Byumba kungufu.

Nyakubahwa Bwana Ministri nongeye kubibutsa inzandiko n'abandikiye aliko zose sinigeze nzibonera igisubizo alizo za le 18/4/1977, le 8/12/77, le 20/12/1978 zose zigwaga x capitaine Rurakaza ntashobore kuzimpera igisubizo, na mwaka na audiance akanyirukana nta mbabazi. Nyakubahwa Bwana Ministri nkulikije yuko nakoze uko nshoboye kose ngahinga nkuko abandi bose bahinze nagirango mbamenyeshe secteur zalimbuwe mo icyayi cyanjye 2,0300 Ha zalimbuwe muli setceur Bugunga muli secteur Uruzo ni 1/2 cya 1,1371 Ha zasarurwaga. Bazilimbura mu mwaka wa 1976 kandi kubera yuko bali bumvise yuko natsinze kuko muli secteur Bugunga halimo icyayi cyatewe muli 1973, naho muli secteur Ruzo cyali cyaratewe muli 1972. Bikagaragazwa na note n°2033/0614 yo kuwa 15/9/76 ya Ministri w'Ubucamanza yohereje Ministri w'Ingabo z'Igihugu na n°3/04/Agri-74 yo kuwa 10/4/74 n'urwandiko rw'Agronome wa Prefegitura ya Byumba ziremeza neza yuko izo Parcelle zalimbuwe ko ali zanjye n'amafranga yavuyemo ngomba kuyabona kuko yasaruwe mu milima yanjye.

Nyakubahwa Bwana Ministri sinabura kubamenyesha yuko igihe icyayi cyalimburwaga na bimenye nkandikira x capitaine wali Chef du Service Civique wali yagitwaye ku ngufu, afatanije na Habimana, Musilikare, Biganiro, na Uwimana babitewe n'ishyali mbamenyesha yuko batagomba kundimbulishiliza icyayi ibyo bikagaragazwa n'urwandiko nabandikiye le 17/3/75 mbabuza kundimbulira icyayi aliko ntibashyitaho ahubwo bagakomeza bavuga yuko amafranga nsaba yavuye muli Production yavanze na Service Civique de la Jeunesse ko badashobora kuyampa. Kandi yuko icyayi bakilimbuye ali uko cyali kinini batashoboraga kugikorera.

Nyakubahwa Bwana Ministri nkulikije uko nabandikiye nababasabaga igisubizo cyanga ni chef du service civique atashoboye kubintunganyiliza ngasubira mu Rukiko kuko x capitaine Rurakaza Aloys yambwiraga ko ndashobora kubona ibyanjye byangilikanye kandi byasaruwe ntasubiye mu Rukiko kandi byashoboka mu gakora enquete muli b'Agronomes bose

nagiteye hali abashinzwe kwerekera abaturage uko bahinga icyayi kandi cyalimbuwe kubushake, kandi cyaramvunnye ngikorera niyo byibura akirekeraho naramuka ndashoboye ku kibonera abakozi akagiha abo yali yagihaye ku ngufu.

Mbaye mbashimiye igisubizo cyiza Nyakubahwa Bwana Ministri Mubyeyi mukaziga icyo kibazo kuko x Capitaine Rurakaza Aloys aliwe wabikoze ku bushake bwe gusa kubera isk yali yaramfitiye kandi na mubaza akanyirukana ngo nimve aha. Nyakubahwa Bwana Ministri kubera ko muli ababyeyi bacu mwakora uko mushoboye mu kampesha icyo natsindiye byanjye.

Ninjye Rukundo Damien Emmanuel.-

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika w'u Rwanda
  K I G A L I.-
- Bwana Chef de l'Etat-Major de l'Armée Rwandaise
  K I G A L I.-
- Bwana Secrétaire Général du M.R.N.D.
  K I G A L I.-
- Bwana Ministri w'Ubucamanza
  K I G A L I.-
- Bwana Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi
  K I G A L I.-
- Bwana Prezida w'Urukiko Rwiremezo
  K I G A L I.-
- Bwana Directeur de l'Usine Thé
  MULINDI-BYUMBA